**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA HUYE**

**<u>ICYEMEZO N°0002/2020/TGI/HYE GIHANISHA AVOKA IHAZABU MBONEZAMUBANO KUBERA GUTINZA URUBANZA</u>**

Umwaka w'i 2020, umunsi wa 20, ukwezi kwa Gicurasi ;

Twebwe MBISHIBISHI Maurice ; Perezida w'Urukiko rwisumbuye rwa Huye, dufashijwe na NYIRAMANA Aloysie; Umwanditsi warwo;

Tumaze kubona iburanisha ry'urubanza rw'umurimo RSOC 00021/2019/TGI/HYE, KABAYUNDO Sérapie aregamo Caritas Rwanda mw'izina ry'Umuyobozi Mukuru wayo, ryari riteganyijwe uyu munsi kuwa 20/5/2020 saa ine;

Tumaze kubona Me MUDENGE Richard mw'izina no mu mwanya wa Caritas Rwanda, ejo tariki ya 19/5/2020 saa 18:16 yarashyize muri IECMS ibaruwa O/Ref:0055/MALF/05/2020/RM asaba ko iburanisha ry'uru rubanza RSOC 00021/2019/TGI/HYE ryimurirwa ku yindi tariki kuko yasabye Ubuyobozi bw'Urugaga ndetse na Polisi uburenganzira bwo kwambuka(PASS) ava muri Mujyi wa Kigali aza mu ntara y'Amajyepfo ariko kugeza yandika iyi baruwa atari yakabuhawe;

Tumaze kubona nta gihamya ko yasabye ubu burenganzira avuga;

Tumaze kubona abandi ba avoka barakomeje kuva Kigali bakaza kunganira cyangwa guhagararira abantu mu manza muri uru rukiko, nk'urugero Me Niyondora Nsengiyumva na Me Nsabimana Jean Damascène babuburanye urubanza RC 00123/2019/TGI/HYE rwari saa tatu n'igice z'uyu munsi kandi baturutse mu Mujyi wa Kigali;

Dusanze kuba Me MUDENGE Richard atitabiriye iburanisha ahubwo agasaba ko urubanza RSOC 00021/2019/TGI/HYE rusubikwa ari uburyo bwo gutinza iburanisha ryarwo ku bushake;

Dushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 18,igika mbere n'icya 2 y'itegeko n° 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ko: *«Umuburanyi wese utinza ku bushake iburanisha ry'urubanza kimwe n'uwiyambaza inzira zo kujurira mu buryo bwo gutinza urubanza, acibwa ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi makumyabiri (20.000) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000).* ***Iyo gutinza urubanza ku bushake bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe n'umwavoka cyangwa undi muntu uhagarariye umuburanyi, acibwa ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana abiri(200.000) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000)»***;

Dutegetse ko Me MUDENGE Richard aciwe ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000 Frws) kubera gutinza urubanza ku bushake.

Dutegetse ko Me MUDENGE Richard atemerewe kuzongera kuburana atarishyura iyi hazabu nk'uko biteganywa n'ingingo ya 19,igika cya 2 y'itegeko n° 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru ko: *«Iyo umuburanyi yunganiwe cyangwa ahagarariwe, ihazabu ivugwa mu gika cya mbere icibwa avoka mu gihe bigaragaye ko gutinda k'urubanza atewe byaturutseho. Umwavoka wahanishijwe ihazabu mbonezamubano ntashobora kongera kuburanira mu rukiko urwo ari rwo rwose,igihe cyose iyo hazabu itarishyurwa».*

Dutegetse ko iki cyemezo gihita kimenyeshwa inkiko zose n'Umuyobozi bw'Urugaga rw'abavoka.

Ni uko byemejwe n'Urukiko rwisumbuye rwa Huye none kuwa 20/5/2020 rugizwe na:

| PEREZIDA | UMWANDITSI |
|---|---|
| MBISHIBISHI Maurice | NYIRAMANA Aloysie |
| Sé | Sé |

URUKIKO RWISUMBUYE RWA HUYE

Copie certifiée conforme à l'original. Fait à Huye ce 20/5/2020 Greffier NYIRAMANA Aloysie